# Umuntu uzahabwa abakobwa babiri akabitaho kugeza bakuze, ku munsi w'imperuka azaza njye na we tumeze gutya, nuko ihuza intoki zayo

Hadith yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu uzahabwa abakobwa babiri akabitaho kugeza bakuze, ku munsi w'imperuka azaza njye na we tumeze gutya, nuko ihuza intoki zayo.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko umuntu uzagira umugisha agahabwa abakobwa babiri baba abe yabyaye, cyangwa se bashiki be, akabakorera byose bisabwa ndetse akanabitaho abaha uburere, n'inama z'ibyiza, anabarinda ibibi ndetse n'ibindi kugeza bakuze, ku munsi w' imperuka we n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bazaza bameze gutya, nuko ihuza intoki zayo za mukubita rukoko n'urwa musumba zose.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee